DIOCESE DE NYUNDO

CARITAS NYUNDO /GISENYI

B.P. 85 GISENYI Tél.&Fax : +250 0788851184 E-mail : caritasnyundo2@yahoo.fr

==========

IMYANZURO Y'INTEKO RUSANGE YA CARITAS NYUNDO/GISENYI 2014

Nyundo, kuwa Kane taliki 27/02/2014

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO /GISENYI
B.P. 85 GISENYI Tél.&Fax : +250 0788851184 E-mail : caritasnyundo2@yahoo.fr

Inteko Rusange ya Caritas Nyundo/Gisenyi yateraniye kuri Centre Pastoral ya Nyundo kuwa 27/02/2014 irasaba :

A. Caritas mu nzego zose (Diyosezi na Paruwasi) :

1. Gukomeza kubaka Caritas yacu ishingiye ku bakristu ubwacu mu muryango-remezo aho gutegereza abaterankunga,
2. Kongera ibikorwa bigamije kongerera umutungo Caritas yacu mu rwego rwo kwibeshaho. Muri urwo rwego Caritas yakwifashisha abaterankunga ifite ubu ikabasaba inkunga y'ibikorwa bibyara inyungu. Ingero : Centre d'Accueil, Ishuri ryigenga ry'imyuga, kuba abagenerwabikorwa bayo bajya bagira icyo bashyira mu isanduka ya Caritas,…..
3. Kwegera umuterankunga wese waba ahagarika bitunguranye inkunga yemereye Caritas bagashyikirana nawe bamusaba gukosora iyo mikorere kuko ihungabanya abayihabwaga. **urugero** : guhagarika inkunga y'umunyeshuri mu mwaka hagati.
4. Gukomeza ubukangurambaga bwo gukusanya inkunga y'abatishoboye no kuyigeza ku bo yagenewe mu buryo bunoze bwemejwe na Caritas Rwanda.

B. Caritas ya Diyosezi ya Nyundo/Gisenyi :

1. Gukora uko ishoboye amashami yayo, iry'ubuzima n'iry'iterambere, ntahera ahakorerwa imishinga yayo gusa, akegera abagize ayo mashami ku rwego rwa Paruwasi kugirango babahugure babongerera ubushobozi ku bijyanye n'inshingano zabo kandi kubasura akabigira ibihoraho nk'uko ishami ry'ibikorwa by'urukundo n'impuhwe byifashe.
2. Aho ikorera imishinga yayo ko yakorana na Caritas za Paruwasi, mu kubamenyesha iyo mishinga ndetse ikanafatanya nabo mu gutoranya abafatanyabikorwa kugirango n'ubwo bataba mu bafashwa nayo bajye bagira uruhare mu ikurikiranabikorwa ryayo igihe cyose biri ngombwa. Ni muri urwo rwego mu mushinga Ishami ry'Iterambere (BDD) riteganya gutangira mu gihe kiri imbere, risabwa kuzegera ubuyobozi bwa buri paruwasi izakoreramo kugirango bafatanye gukora urutonde rw'abagenerwabikorwa ku buryo bunoze.
3. Gukora uko ishoboye ubukangurambaga bugamije gukangurira abaturage guteganya urubyaro hakoreshejwe uburyo bwa kamere bukwiye guhabwa ingufu kuburyo bugera kuri benshi kandi mu maparuwasi yose.
4. Gukora igenzuramutungo (Audit) mu mavuliro ya Diyosezi buri mwaka no kurushaho kuyafasha kunoza imikorere yayo.

DIOCESE DE NYUNDO
CARITAS NYUNDO /GISENYI
B.P. 85 GISENYI Tél.&Fax : +250 0788851184 E-mail : caritasnyundo2@yahoo.fr

C. Caritas za Paruwasi muri Diyosezi ya Nyundo/ Gisenyi :

1. Gukomeza kubaka Caritas mu mashuri ya Leta n'ayigenga, n'amavuliro kandi bakageza raporo y'imikorere yazo kuri Caritas ya Diyosezi kugirango muri raporo zayo nayo hajye hagaragazwa neza uko Caritas yo kuri izo nzego ihagaze.

2. Abakora ibikorwa by'ubufasha bw'abatishoboye hirya no hino muri za Paruwasi, yaba Paruwasi ubwayo, Imiryango y'Abihaye Imana, n'abandi bakora mu izina rya Diyosezi ya Nyundo, bose barasabwa kujya babitangira raporo kuri Caritas ya Diyosezi kugirango hatagira ibikorwa na bimwe bijya bibura muri raporo za Diyosezi kandi biyikorerwamo.

3. Gukora ibishoboka byose gahunda ya "**Garuka ushime**" ikaba umuco muri za Paruwasi zacu kugirango ijye yongerera Caritas ubushobozi bwo gufasha abandi bakene.
4. Mu rwego rwo guha ubufasha abanyarwanda bavuye muri Tanzaniya, Abapadiri bafatanyije na komite za Caritas za Paruwasi barasabwa kuzabasura, bakabahumuriza, kandi bakazakusanya inkunga ibagenewe. Uburyo bwakwifashishwa ni uguhura mu rwego rwa Doyenné ndetse bakagena icyumweru kidasanzwe cyo kuyikusanya. Umushumba wa Diyosezi azatanga ubutumwa bugenewe icyo gikorwa ku maparuwasi yose. Abazabikora barasabwa kuzatanga raporo kuri Diyosezi,
5. Gukomeza igikorwa cyo kugaragaza urutonde rw'abatishoboye kugirango abadahabwa ubufasha bwa ngombwa kubera ko batari ku rutonde rwa MIGEPROF bakorerwe ubuvugizi.

Bikorewe Nyundo kuwa 27/02/2014

Mu izina ry'Inteko Rusange

Umuyobozi w'inama	Umwanditsi
Mgr HABIYAMBERE Alexis	**Padiri MUKERAGABIRO Etienne**
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo	**Umuyobozi wa Caritas Nyundo/Gisenyi**